- 3° the advisor to the Vice President of the Supreme Court;
- 4° the executive assistant to the President of the Supreme Court;
- 5° other staff members that may be appointed by the High Council of the Judiciary.

Except the executive assistant to the President of the Supreme Court who is in the same category of Court registrars, the staff appointed in the Supreme Court President's office shall be career judges. However, such staff shall, as long as they perform such duties, stop trying cases.

Section 4: Personnel affecté au cabinet du Président de la Cour Suprême

Article 9: Personnel affecté au cabinet

Le personnel affecté au cabinet du Président de la Cour Suprême comprend:

- 1° le conseiller du Président de la Cour Suprême;
- 2° les chercheurs en matières juridiques de la Cour Suprême;
- 3° le conseiller du Vice-président de la Cour Suprême;
- 4° assistant exécutif du Président de la Cour Suprême;
- 5° autres agents que peut nommer le Conseil Supérieur de la Magistrature.

A l'exception de l'assistant exécutif du Président de la Cour Suprême qui est dans la catégorie des greffiers, tous les membres du personnel affecté au cabinet du Président de la Cour Suprême sont des juges de carrière. Toutefois, ces membres doivent, pour toute la période pendant laquelle ils occupent ces fonctions, arrêter d'exercer la fonction de juger.

Icyiciro cya 5: Abakozi bo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'Ikirenga

Section 5: Staff appointed in the General Secretariat of the Supreme Court

Section 5: Personnel affecté au Secrétariat Général de la Cour Suprême

Ingingo ya 10: Abakozi bo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'Ikirenga

Article 10: Staff appointed in the General Secretariat of the Supreme Court

Article 10: Personnel affecté au Secrétariat Général de la Cour Suprême

Abakozi bo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'Ikirenga barimo:

Staff appointed in the General Secretariat of the Supreme Court shall include:

Le personnel affecté au Secrétariat Général de la Cour Suprême comprend:

1° Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga;

1° the Secretary General of the Supreme Court;

1° le Secrétaire Général de la Cour Suprême;

2° abandi bakozi bashinzwe imirimo inyuranye mu Bunyamabanga Bukuru.

2° other staff members in charge of various duties in the General Secretariat.

2° autres membres du personnel chargés de différentes activités au Secrétariat Général.

Abakozi bavugwa muri iyi ngingo bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

The staff referred to in this Article shall be governed by the General Statutes for Rwanda Public Service.

Le personnel visé au présent article est régi par le statut général de la fonction publique Rwandaise.

Icyiciro cya 6: Isumbana mu cyubahiro ry'abacamanza n'abakozi bo mu nkiko

Section 6: Ranking of judges and judicial personnel

Section 6: Ordre de préséance des juges et du personnel judiciaire

Ingingo ya 11: Isumbana mu cyubahiro ry'abacamanza n'abakozi bo mu nkiko

Article 11: Ranking of judges and judicial personnel

Article 11: Ordre de préséance des juges et du personnel judiciaire

Abacamanza kimwe n'abakozi bo mu nkiko basumbana mu cyubahiro hakurikijwe ibi bikurikira:

Judges as well as judicial personnel shall take precedence in accordance with the following:

La préséance des juges et du personnel judiciaire dépend de:

1° inzego z'imirimo bafite;

1° their ranks;

1° leurs grades;

2° uburambe bugaragazwa n'icyemezo cyabashyizeho, mu gihe bafite umurimo umwe;

2° their experience as proven by their appointing instruments in case they have the same post;

2° l'ordre d'ancienneté justifié par l'acte de leur nomination s'ils ont le même poste;

3° impamyabumenyi ya buri wese mu gihe

3° their degrees in the event that they

3° leurs diplômes lorsqu'ils ont la

banganya uburambe mu kazi;

have the same experience;

même expérience;

4° imyaka y'amavuko mu gihe banganya uburambe n'impamyabumenyi.

4° their age in the event that they have the same experience and degrees.

4° leur âge au cas où ils ont les mêmes diplômes et la même expérience.

INTERURO YA II: GUTANGIRA NO GUKORA AKAZI K'UBUCAMANZA N'AKABAKOZI BO MU NKIKO

TITLE II: TAKING UP AND EXERCISING THE FUNCTION OF JUDGES AND JUDICIAL PERSONNEL

TITRE II: ENTREE EN SERVICE ET EXERCICE DE LA FONCTION DE JUGES ET DU PERSONNEL JUDICIAIRE

UMUTWE WA MBERE: ABACAMANZA B'UMWUGA

CHAPTER ONE : CAREER JUDGES

CHAPITRE PREMIER: JUGES DE CARRIERE

Icyiciro cya mbere: Ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe akazi k'ubucamanza

Section One: Requirements to be appointed judge

Section première: Conditions pour être nommé juge

Ingingo ya 12: Ibisabwa muri rusange kugira ngo umuntu abe umucamanza

Article 12: General requirements for becoming a judge

Article 12: Conditions générales d'accès à la fonction de juge

Umuntu wese ushaka gukora umurimo w'ubucamanza agomba kuba:

Any person aspiring to be a judge should fulfil the following requirements:

Tout candidat à la fonction de juge doit répondre aux conditions suivantes :

1° afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko ;

1° to be at least twenty one (21) years of age;

1° être âgé d'au moins vingt et un (21) ans;

2° afite nibura impamyabumenyi ihanitse mu byerekeye amategeko n'icyemezo cy'uko yatsinze inyigisho mu ishuri ry'ubucamanza ryemewe na Leta;

2° to be a holder of at least a bachelor degree in law and a certificate issued by a judicial training institution recognised by the Government;

2° être détenteur d'un diplôme de licence en Droit au moins et d'un certificat sanctionnant un cycle de formation à une école de la magistrature agréée par l'Etat;

3° ari inyangamugayo;

3° to be a person of integrity;

3° être intègre;

4° kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;

4° to be a person of irreproachable morals and conduct;

4° être de bonne conduite, vie et mœurs;

Official Gazette n°15 of 15/04/2013

5° atarahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;	5° not to be convicted for ideology of the genocide;	5° n'avoir pas été condamné pour idéologie du génocide;
6° atarangwa n'amacakubiri ayo ariyo yose;	6° not to be characterized by any form of sectarianism ;	6° être exempt de toute forme de sectarisme;
7° atabogama;	7° to be impartial;	7° être impartial;
8° atavugirwamo;	8° to be independent minded;	8° être indépendant;
9° kuba nta bumuga bwo mu mutwe bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubucamanza, byemejwe na muganga wemewe na Leta;	9° to have no mental illness that may prevent him/her from performing the judge's duties as attested by a recognised physician;	9° ne pas avoir d'incapacité mentale pouvant l'empêcher d'exercer les fonctions de juge attestée par un médecin agréé;
10° atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;	10° not to have been subject to deprivation of civil and political rights;	10° ne pas avoir été déchu de ses droits civils et politiques;
11° atarigeze guhanishwa igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) cyabaye ndakuka;	11° not to have been sentenced to a six (6) months or more imprisonment;	11° ne pas avoir fait l'objet d'une condamnation égal ou supérieur à six (6) mois d'emprisonnement;
12° atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze cyangwa ngo asezererwe nta mpaka, atarakoresheje uburiganya mu kazi, atarataye umurimo, cyangwa ataranze kuwugarukaho mu gihe yari yarasezerewe by'igihe gito cyangwa atarawugarutseho igihe yari abisabwe;	12° not to have been dismissed or automatically removed from office, not to have committed in service fraudulent acts, desertion of duty or refusal to resume duty after the end of the period of suspension or after request to do so;	12° ne pas avoir fait l'objet d'une mesure de révocation dans les fonctions occupées ni d'une démission d'office, ne pas avoir usé de manœuvres frauduleuses, dans ses fonctions, ne pas avoir abandonné de service, ne pas avoir refusé de réintégrer le service à la fin d'une période de suspension d'activité ou quand cela lui a été demandé;
13° yaratsinze ipiganwa rikoreshwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza, usibye abacamanza bashyirwaho n'iteka rya Perezida.	13° to have successfully gone through the competitive process conducted by the High Council of the Judiciary, except for judges that are appointed by a Presidential Order.	13° réussir le test de recrutement organisé par le Conseil Supérieur de la Magistrature, exception faite des juges nommés par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 13: Ibisabwa byihariye kugira ngo umuntu abe Perezida cyangwa umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze

Kugira ngo umuntu agirwe Perezida cyangwa umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze agomba kuba yujuje ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko no kuba yarakoze, mu gihe cy'imyaka ibiri (2) nibura, imirimo irebana n'iby'amategeko uretse abafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko.

Perezida w'Urukiko rw'Ibanze n'abacamanza barwo bashyirwaho na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga byemejwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Ingingo ya 14: Ibisabwa byihariye kugira ngo umuntu abe Perezida, Visi Perezida cyangwa umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye cyangwa mu Rukiko rw'Ubucuruzi

Kugira ngo umuntu agirwe Perezida, Visi Perezida cyangwa umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye cyangwa mu Rukiko rw'Ubucuruzi, agomba kuba yujuje ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko no kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka ine (4) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko.

Ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko basabwa uburambe nibura

Article 13: Specific requirements to be appointed President or judge of the Primary Court

In order to be appointed President or judge of a Primary Court, the candidate shall fulfil the requirements provided for in Article 12 of this Law and have at least a two (2) year working experience in legal matters, save for those with a master's or PhD degree in Law.

The President and judges of the Primary Court shall be appointed by the President of the Supreme Court upon approval by the High Council of the Judiciary.

Article 14: Specific requirements to be appointed President, Vice President or judge of the Intermediate Court or the Commercial Court

In order to be appointed as President, Vice-President or judge of the Intermediate Court or Commercial Court, the candidate shall fulfil the requirements provided for in Article 12 of this Law as well as having working experience of at least four (4) years in legal matters.

For persons holding a Master's or PhD degrees in Law, the required working experience shall

Article 13: Conditions particulières requises pour être Président ou juge du Tribunal de Base

Pour être Président ou juge du Tribunal de Base, le candidat doit remplir les conditions prévues par l'article 12 de la présente loi et avoir une expérience professionnelle de deux (2) ans au moins dans le domaine du droit sauf pour les candidats ayant le diplôme de Maîtrise ou de Doctorat en Droit.

Le Président et les juges du Tribunal de Base sont nommés par le Président de la Cour Suprême sur décision du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Article 14: Conditions particulières requises pour être Président, Vice-président ou juge du Tribunal de Grande Instance ou du Tribunal de Commerce

Pour être nommé Président, Vice-président ou juge du Tribunal de Grande Instance ou du Tribunal de Commerce, le candidat doit remplir les conditions prévues par l'article 12 de la présente loi et avoir une expérience professionnelle de quatre (4) ans au moins dans le domaine du droit.

Pour les candidats titulaires d'un diplôme de Maîtrise ou de Doctorat en Droit, l'expérience professionnelle requise est d'au moins deux (2)

bw'imyaka ibiri (2) mu by'amategeko.

Perezida, Visi-Perezida n'abacamanza b'Urukiko Rwisumbuye cyangwa b'Urukiko rw'Ubucuruzi bashyirwaho na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga byemejwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Ingingo ya 15: Ibisabwa byihariye kugira ngo umuntu abe umucamanza w'Urukiko Rukuru cyangwa uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi

Kugira ngo umuntu agirwe umucamanza w'Urukiko Rukuru cyangwa uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, agomba kuba yujuje ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko no kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka itandatu (6) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko.

Ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko, uburambe mu kazi busabwa ni imyaka ine (4) nibura mu by'amategeko.

Abacamanza b'Urukiko Rukuru cyangwa ab'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashyirwaho na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga byemejwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

be at least two (2) years in the field of law.

The President, Vice President and judges of Intermediate Court or Commercial Court shall be appointed by the President of the Supreme Court upon approval by the High Council of the Judiciary.

Article 15: Specific requirements to be appointed judge of the High Court or judge of the Commercial High Court

In order to be appointed judge of the High Court or Commercial High Court, the candidate shall fulfil the requirements provided for in Article 12 of this Law as well as having working experience of at least six (6) years in legal matters.

For persons holding a Master's or PhD degree in Law, the required working experience shall be at least four (4) years in legal matters.

The judges of High Court or Commercial High Court shall be appointed by the President of the Supreme Court upon approval by the High Council of the Judiciary.

ans dans le domaine du droit.

Le Président, le Vice-président et les juges du Tribunal de Grande Instance ou du Tribunal de Commerce sont nommés par le Président de la Cour Suprême sur décision du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Article 15: Conditions particulières requises pour être juge de la Haute Cour ou de la Haute Cour de Commerce

Pour être nommé Juge de la Haute Cour ou de la Haute Cour de Commerce, le candidat doit remplir les conditions prévues par l'article 12 de la présente loi et avoir une expérience professionnelle de six (6) ans au moins dans le domaine du droit.

Pour les candidats titulaires d'un diplôme de Maîtrise ou de Doctorat en Droit, l'expérience professionnelle requise est d'au moins quatre (4) ans dans le domaine du droit.

Les juges de la Haute Cour ou de la Haute Cour de Commerce sont nommés par le Président de la Cour Suprême sur décision du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Ingingo ya 16: Ibisabwa byihariye kugira ngo umuntu abe Visi-Perezida w'Urukiko Rukuru cyangwa uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi

Kugira ngo umuntu agirwe Visi-Perezida w'Urukiko Rukuru cyangwa uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, agomba kuba yujuje ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko no kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka irindwi (7) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko.

Ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko, uburambe mu kazi busabwa ni imyaka ine (4) nibura mu byerekeranye n'amategeko.

Ingingo ya 17: Ibisabwa byihariye kugira ngo umuntu abe Perezida w'Urukiko Rukuru cyangwa uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi

Kugira ngo umuntu agirwe Perezida w'Urukiko Rukuru cyangwa uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, agomba kuba yujuje ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko no kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka umunani (8) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko.

Ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko, uburambe mu kazi busabwa ni imyaka itanu (5) nibura mu byerekeranye n'amategeko.

Article 16: Specific requirements to be appointed Vice President of High Court or Vice President of the Commercial High Court

In order to be appointed Vice President of the High Court or Vice President of the Commercial High Court, the candidate shall fulfil the requirements provided for in Article 12 of this Law as well as having working experience of at least seven (7) years in legal matters.

For persons holding a Master's or PhD degree in Law, the required working experience shall be at least four (4) years in legal matters.

Article 17: Specific requirements to be appointed President of the High Court or President of the Commercial High Court

In order to be appointed President of the High Court or President of the Commercial High Court, the candidate shall fulfil the requirements provided for in Article 12 of this Law as well as having working experience of at least eight (8) years in legal matters.

For persons holding a Master's or PhD degree in Law, the required working experience shall be at least five (5) years in legal matters.

Article 16: Conditions particulières requises pour être nommé Vice-Président de la Haute Cour ou Vice-président de la Haute Cour de Commerce

Pour être nommé Vice-président de la Haute Cour ou Vice-président de la Haute Cour de Commerce, le candidat doit remplir les conditions prévues par l'article 12 de la présente loi et avoir une expérience professionnelle de sept (7) ans au moins dans le domaine du droit.

Pour les candidats titulaires d'un diplôme de Maîtrise ou de Doctorat en Droit, l'expérience professionnelle requise est d'au moins quatre (4) ans dans le domaine du droit.

Article 17: Conditions particulières requises pour être nommé Président de la Haute Cour ou Président de la Haute Cour de Commerce

Pour être nommé Président de la Haute Cour ou de la Haute Cour de Commerce, le candidat doit remplir les conditions prévues par l'article 12 de la présente loi et avoir une expérience professionnelle de huit (8) ans au moins dans le domaine du droit.

Pour les candidats titulaires d'un diplôme de Maîtrise ou de Doctorat en Droit, l'expérience professionnelle requise est d'au moins cinq (5) ans dans le domaine du droit.

Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru cyangwa b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashyirwaho n'Iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena. Mu kugena abakandida kuri iyo myanya, Perezida wa Repubulika abanza kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Icyiciro cya 2: Ibisabwa byihariye ku bacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga n'ishyirwaho ryabo

Ingingo ya 18: Itoranywa ry'abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga

Ibisabwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko bireba n'abacamanza bo mu Rukiko rw'Ikirenga.

Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga batoranywa:

- 1° mu bacamanza bafite nibura impamyabumenyi ihanitse mu by'amategeko kandi bakoze umwuga w'ubucamanza nibura mu gihe cy'imyaka umunani (8);
- 2° muri ba Avoka bafite nibura uburambe ku kazi bw'imyaka umunani (8) bakora umurimo w'Avoka;
- 3° mu barimu bigisha mu mashami y'amategeko ya za Kaminuza bafite uburambe ku kazi bw'imyaka nibura umunani (8);

The President and Vice President of the High Court or Commercial High Court shall be appointed by a Presidential Order upon approval by the Senate. The President of the Republic shall designate candidates for such posts after consultation with the Cabinet and High Council of the Judiciary.

Section 2: Specific requirements for judges of the Supreme Court and their appointment

Article 18: Selection of judges of the Supreme Court

The requirements provided for by Article 12 of this Law shall also apply for judges of Supreme Court.

Judges of the Supreme Court shall be selected from:

- 1° judges who hold at least a Bachelor degree in Law and have served as judges for at least eight (8) years;
- 2° advocates who have professional experience of at least eight (8) years in practice;
- 3° university lecturers in faculties of Law with at least eight (8) years of working experience;

Le Président et le Vice-président de la Haute Cour ou de la Haute Cour de Commerce sont nommés par arrêté présidentiel après leur approbation par le Sénat. Les candidats à ces postes sont désignés par le Président de la République après consultation du Conseil des Ministres et du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Section 2: Conditions particulières requises pour les juges de la Cour Suprême et leur nomination

Article 18: Choix des juges de la Cour Suprême

Les conditions prévues par l'article 12 de la présente loi sont également exigées pour être juges de la Cour Suprême.

Les juges de la Cour Suprême sont choisis parmi:

- 1° les juges titulaires d'une licence en Droit au moins et ayant exercé, durant au moins huit (8) années, les fonctions de juge;
- 2° les avocats bénéficiant d'une expérience professionnelle au barreau d'au moins huit (8) ans;
- 3° les enseignants des facultés de Droit des universités bénéficiant d'une expérience professionnelle d'au moins huit (8) ans;

4° mu bashinjacyaha bafite nibura impamyabumenyi ihanitse mu by'amategeko kandi bakoze umwuga w'ubushinjacyaha nibura mu gihe cy'imyaka umunani (8);

5° mu bantu bafite nibura impamyabumenyi ihanitse mu by'amategeko kandi bafite uburambe bw'imyaka umunani (8) nibura mu mirimo yerekeye amategeko.

Ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko, uburambe mu kazi busabwa ni imyaka itanu (5) nibura mu byerekeranye n'amategeko.

Ingingo ya 19: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe Perezida cyangwa Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

Kugira ngo umuntu abe Perezida cyangwa Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agomba kuba yujuje ibisabwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko, kuba afite uburambe bw'imyaka nibura umunani (8) mu mirimo yerekeye amategeko, no kuba kandi yaragaragayeho ubushobozi mu miyoborere y'inzego nkuru z'ubuyobozi bw'Igihugu.

Abafite impamyabumenyi y'ikirenga mu by'amategeko, bagomba kuba bafite uburambe bw'imyaka itanu (5) nibura mu mirimo yerekeye amategeko.

4° prosecutors who hold at least a Bachelor degree in Law and have served as prosecutors for at least eight (8) years;

5° persons who hold at least a bachelor degree in Law and have working experience of at least eight (8) years in legal matters.

For persons holding a Master's or PhD degree in Law, the required working experience shall be five (5) years in legal matters.

Article 19: Requirements to be President or Vice President of the Supreme Court

In order to be appointed President or Vice President of the Supreme Court, the candidate shall fulfil the requirements provided for by Article 12 of this Law and have a working experience of at least eight (8) years in legal matters as well as proven management abilities in high level institutions.

For holders of a PhD in Law the required working experience shall be at least five (5) years in legal matters.

4° les Officiers de poursuite judiciaire titulaires d'une licence en Droit au moins et ayant exercé durant au moins huit (8) ans, les fonctions d'Officier de poursuite judiciaire;

5° les personnes titulaires d'au moins un diplôme de licence en Droit et justifiant d'une expérience professionnelle de huit (8) ans au moins dans le domaine du droit.

Pour les candidats titulaires d'un diplôme de Maîtrise ou de Doctorat en Droit, l'expérience professionnelle requise est d'au moins cinq (5) ans dans le domaine du droit.

Article 19: Conditions requises pour être Président ou Vice-président de la Cour Suprême

Pour être nommé Président ou Vice-président de la Cour Suprême, le candidat doit remplir les conditions prévues par l'article 12 de la présente loi, avoir une expérience professionnelle de huit (8) ans au moins dans le domaine du droit et avoir fait preuve d'aptitude dans l'administration d'institutions au plus haut niveau.

Pour les détenteurs d'un diplôme de doctorat en Droit, l'expérience professionnelle requise est de cinq (5) ans au moins dans le domaine du droit.

Ingingo ya 20: Ishyirwaho rya Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga

Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga bashyirwaho n'iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena. Mu kugena abakandida kuri iyo myanya, Perezida wa Repubulika abanza kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Ingingo ya 21: Gutangaza imyanya idafite abayirimo

Imirimo mu bucamanza itangwa hakurikijwe imyanya ihari.

Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza atangaza imyanya idafite abayirimo iri mu nkiko zose zo mu gihugu.

Amatangazo agomba kandi gusobanura neza ibisabwa muri rusange n'iby'umwihariko iyo bihari, kugira ngo abantu bashyirwe muri iyo myanya.

Ingingo ya 22: Gusaba gushyirwa mu myanya

Kugira ngo abantu bashyirwe mu myanya y'abacamanza bagomba kuba babisabye mu nyandiko Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Article 20: Appointment of the President, Vice President and judges of the Supreme Court

The President, the Vice President and the judges of the Supreme Court shall be appointed by a Presidential Order upon approval by the Senate. The President of the Republic shall designate candidates for such posts after consultation with the Cabinet and the High Council of the Judiciary.

Article 21: Advertising vacant posts

Posts in the judiciary shall be allocated in accordance with the vacant employment opportunities.

The President of the High Council of the Judiciary shall advertise vacant posts in all Courts in the country.

The advertisements shall also specify the general and, particular requirements to be satisfied in order to obtain such posts.

Article 22: Application for appointment

The appointment of judges shall be made upon application to the President of the High Council of the Judiciary.

Article 20: Nomination du Président, Vice-président et des juges de la Cour Suprême

Le Président, le Vice-président et les juges de la Cour Suprême sont nommés par arrêté présidentiel après approbation par le Sénat. Les candidats à ces postes sont désignés par le Président de la République après consultation du Conseil des Ministres et du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Article 21: Publication des postes vacants

Les postes dans la magistrature sont conférés à concurrence d'emplois vacants.

Le Président du Conseil Supérieur de la Magistrature publie les postes vacants dans toutes les juridictions du pays.

Les communiqués relatifs à ces postes précisent également les conditions générales et les conditions particulières d'accès à ces postes.

Article 22: Demande de nomination

La nomination à des postes de juges est effectuée sur demande préalable écrite au Président du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Kugira ngo itange imyanya y'abacamanza, Inama Nkuru y'Ubucamanza ikoresha ipiganwa.

Vacant posts of judges shall be filled after passing a competition organised by the High Council of the Judiciary.

Les postes vacants de juges sont attribués sur concours organisé par le Conseil Supérieur de la Magistrature.

Icyiciro cya 3: Igeragezwa ry'abacamanza

Section 3: Probation period of judges

Section 3: Stage probatoire des juges

Ingingo ya 23: Igeragezwa mu kazi

Article 23: Probation period

Article 23: Stage probatoire

Buri mucamanza atangira akazi ageragezwa mu gihe cy'umwaka umwe (1) aho umuyobozi we wo ku rwego rwa mbere asuzuma ubushobozi bwe n'imyitwarire ye.

Every judge, after being appointed, shall undergo probation period of one (1) year. His/her immediate superior shall evaluate his/her performance and behaviour.

Chaque juge qui commence sa carrière effectue un stage probatoire d'une année (1) sous la supervision de son supérieur hiérarchique direct qui évalue ses aptitudes professionnelles et sa conduite.

Umuyobozi uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ashikiranira Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza raporo ngufi yerekeranye n'ubushobozi n'imyitwarire by'uwo mucamanza ugeragezwa hasigaye nibura ukwezi kumwe (1) ngo igihe cy'igeragezwa kirangire. Kopi y'iyi raporo ishyikirizwa nyir'ubwite.

The superior referred to in Paragraph One of this Article shall make a short report on the performance and behaviour of the judge under probation and submit it to the President of the High Council of Judiciary at least one (1) month before the probation period ends. A copy of the report shall be given to the judge under probation.

Le supérieur dont il est question au premier alinéa du présent article soumet au Président du Conseil Supérieur de la Magistrature, au moins un (1) mois avant l'expiration du délai de stage, un rapport synthétique sur les aptitudes professionnelles et la conduite du juge en cours de stage. Une copie du rapport est transmise au juge concerné.

Inama Nkuru y'Ubucamanza isanze ari ngombwa, ishobora kongera igihe cy'igeragezwa. Icyo gihe cy'inyongera ntigishobora kurenza amezi atandatu (6).

The High Council of the Judiciary may, where necessary, extend the probation period. Such additional period shall not exceed six (6) months.

Le Conseil Supérieur de la Magistrature peut, s'il l'estime nécessaire, décider de proroger la durée du stage probatoire. Cette prorogation ne peut pas dépasser six (6) mois.

Iyo Inama Nkuru y'Ubucamanza isanze raporo yerekana ko uwageragezwaga abishoboye, agirwa umucamanza burundu.

Where the High Council of the Judiciary finds the evaluation report to be positively conclusive, the person under probation shall be definitively appointed as a judge.

Lorsque le Conseil Supérieur de la Magistrature constate que le rapport synthétique conclut à l'aptitude du stagiaire, ce dernier est nommé juge à titre définitif.

Iyo Inama Nkuru y'Ubucamanza isanze raporo yerekana ko uwageragezwaga atabishoboye,

Where the High Council of the Judiciary finds the report indicating that the person is incapable,

Lorsque le Conseil Supérieur de la Magistrature constate que le rapport synthétique conclut à l'inaptitude du stagiaire, il décide qu'il est

ifata icyemezo cyo kumusezerera.

Icyakora, iyo ugeragezwa atemeye ibikubiye muri raporo, ashobora kubigaragaza mu ibaruwa ishinganye mu iposita cyangwa itanzwe mu ntoki yandikirwa Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsu yaboneyeho iyo raporo.

Inama Nkuru y'Ubucamanza isuzuma iyo baruwa ikayifataho icyemezo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye igihe serivisi za Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza ziyiboneye.

Iyo igihe giteganyijwe mu gika cya 7 cy'iyi ngingo kirenze hatarafatwa icyemezo, uwageragezwaga afatwa ko yemerewe akazi burundu.

Icyakora, ibivugwa muri iyi ngingo ntibireba abacamanza bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

Ingingo ya 24: Igihe icyemezo cyemerera cyangwa cyima akazi umucamanza kigirira agaciro

Icyemezo cy'Inama Nkuru y'Ubucamanza cyemerera burundu umucamanza akazi cyangwa kimuhakanira kigira agaciro kuva igihe ugeragezwa akimenyesherejwe.

it shall take a decision of dismissing him/her.

However, when the person under probation does not agree with the contents of the report, he/she may appeal against it to the President of the High Council of the Judiciary through a registered postal mail or a hand delivered letter within a period not exceeding fifteen (15) days from the date of receipt of the report.

The High Council of the Judiciary shall examine the letter and take a decision within three (3) months from the date the office of the President of the High Council of the Judiciary received it.

If the period provided for in Paragraph 7 of this Article elapses before a decision are taken, the person under probation shall be definitively considered as a judge.

However, the provisions of this Article shall not apply to the judges appointed by a Presidential Order.

Article 24: Effective date of the decision confirming or rejecting a person as a judge

The decision of the High Council of the Judiciary confirming or rejecting a person as judge shall have effect from the date it was notified to the judge under probation.

relevé de ses fonctions.

Toutefois, lorsque le stagiaire désapprouve le contenu du rapport synthétique, il peut faire recours, par lettre recommandée à la poste ou remise en main, adressée au Président du Conseil Supérieur de la Magistrature, dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à compter du jour de la réception du rapport.

Le Conseil Supérieur de la Magistrature examine et se prononce sur le recours dans un délai n'excédant pas trois (3) mois à compter du jour de la réception de la lettre par les services du Président du Conseil Supérieur de la Magistrature.

L'absence de décision dans le délai prévu à l'alinéa 7 du présent article vaut nomination à titre définitif du juge en cours de stage.

Toutefois, les dispositions du présent article ne s'appliquent pas aux juges nommés par arrêté présidentiel.

Article 24: Date d'effet de la décision portant approbation ou non du juge

La décision du Conseil Supérieur de la Magistrature portant approbation ou non du juge, sort ses effets dès sa notification au juge stagiaire.

Icyiciro cya 4: Manda y'abayobozi b'Inkiko

Section 4: Term of office of heads of courts

Section 4: Mandat des responsables des juridictions

Ingingo ya 25: Manda y'abayobozi b'Inkiko

Article 25: Term of office of heads of courts

Article 25: Mandat des responsables des juridictions

Igihe cya manda y'abayobozi b'Inkiko giteganyijwe mu buryo bukurikira:

The term of office of heads of courts shall be determined as follows:

La durée du mandat des responsables des juridictions est déterminée de la manière suivante :

Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga bashyirirwaho igihe cya manda imwe (1) gusa y'imyaka umunani (8).

The President and the Vice President of the Supreme Court shall be appointed for only one (1) term of eight (8) years.

Le Président et le Vice-président de la Cour Suprême sont nommés pour un mandat unique de huit (8) ans.

Perezida w'Urukiko Rukuru, Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Visi Perezida w'Urukiko Rukuru na Visi Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashyirirwaho igihe cya manda y'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa n'iteka rya Perezida.

The President of the High Court, President of the Commercial High Court, Vice President of the High Court and Vice President of the Commercial High Court shall be appointed for a five (5) year term renewable only once (1) by a Presidential Order.

Le Président de la Haute Cour, le Président de la Haute Cour de Commerce, le Vice-président de la Haute Cour et le Vice-président de la Haute Cour de Commerce sont nommés pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable une seule (1) fois par arrêté présidentiel.

Perezida w'Urukiko Rwisumbuye, Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi na Perezida w'Urukiko rw'Ibanze bashyirirwaho igihe cya manda y'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza nyuma yo gukorerwa isuzumamikorere na Biro y'Urwego rw'Ubucamanza.

The President of the Intermediate Court, President of the Commercial Court and President of the Primary Court shall be appointed for a five (5) year term renewable only once (1) by the High Council of the Judiciary following their evaluation by the Bureau of the Judiciary.

Le Président du Tribunal de Grande Instance, le Président du Tribunal de Commerce et le Président du Tribunal de Base sont nommés pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable une seule (1) fois par le Conseil Supérieur de la Magistrature après leur évaluation par le Bureau du pouvoir judiciaire.

Umucamanza urangije manda ye y'ubuyobozi akomeza kuba umucamanza mu rukiko ruri nibura ku rwego rw'urwo yayoboraga.

Any judge that has served for his/her term of office as head of a court shall continue to be a judge in the Court with at least the same level as the one he/she was a leader for.

Tout juge qui termine son mandat en tant que responsable continue d'être juge dans une juridiction de même niveau au moins que celui de la juridiction qu'il dirigeait.

Abandi bacamanza ntibagira manda, bakorerwa isuzumamikorere buri mwaka nk'uko biteganywa mu ngingo ya 57 n'ya 58 z'iri tegeko.

Ingingo ya 26: Igihe manda itangira kubarwa

Igihe cya manda ku bayobozi b'inkiko bavugwa mu ngingo ya 25 y'iri tegeko gitangira kubarwa guhera ku itariki ya 13 Kanama 2008.

Ku bandi bayobozi b'inkiko bashyizweho nyuma y'itariki ya 13 Kanama 2008, igihe cya manda gitangira kubarwa uherye igihe bagizwe abayobozi b'inkiko.

Ibiteganyijwe mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo ntibireba Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga, kuko bateganyirizwa manda ku buryo bwihariye n'Itegeko Nshinga, kimwe n'abayobozi b'inkiko bagengwa n'amasezerano y'umurimo.

Iyo umuyobozi w'urukiko atijwe cyangwa ashyizwe ahandi nk'uko biteganywa n'iri tegeko, igihe cya manda ye kirahagarara; yaba asubijwe mu mirimo ye, igihe cya manda ye gikomereza aho cyari kigeze.

Other judges shall be appointed for a non specified term of office and shall be subject to an annual evaluation in accordance with the provisions of Articles 57 and 58 of this Law.

Article 26: Date on which the term of office starts to run

The term of office heads of courts referred to in Article 25 of this Law shall start running on 13 August 2008.

For other heads of courts that are appointed after 13 August 2008, the term of office start running on date on which they are appointed.

The provisions of Paragraph One and Paragraph 2 of this Article shall not apply to the President and Vice President of the Supreme Court as their term of office is specifically determined by the Constitution; the provisions shall also not apply to heads of courts that are governed by contract.

Where a head of court is on secondment or placement as provided for in this Law, his/her term of office shall be interrupted until he/she is reinstated into his/her post, the term of office shall resume running and the period before interruption shall be taken into account.

Les autres juges n'ont pas de mandat et sont soumis à une évaluation annuelle conformément aux dispositions des articles 57 et 58 de la présente loi.

Article 26: Date à laquelle le mandat commence à courir

Pour les responsables des juridictions visés à l'article 25 de la présente loi, le mandat commence à courir le 13 août 2008.

Pour les autres responsables des juridictions nommés après le 13 août 2008, le mandat commence à courir le jour de leur nomination.

Les dispositions de l'alinéa premier et de l'alinéa 2 du présent article ne s'appliquent pas au Président et Vice-président de la Cour Suprême car leur mandat est spécifiquement fixé par la Constitution. Ces mêmes dispositions ne s'appliquent non plus aux responsables des juridictions régis par le contrat.

En cas de détachement ou de mise à la disposition d'une autre administration d'un responsable de juridiction tel que prévu par la présente loi, la durée de son mandat cesse de courir jusqu'à la reprise de ses fonctions ; son mandat reprend cours et la période d'avant l'interruption est tenue en considération.

Icyiciro cya 5: Imyitwarire ku kazi, irahira ry'abacamanza, igaragaza ry'umutungo n'ibitabangikanywa

Ingingo ya 27: Imyitwarire y'abacamanza

Ibyerekeranye n'imyifatire myiza y'abacamanza biteganywa n'itegeko rigenga imyifatire y'abacamanza.

Ingingo ya 28: Indahiro

Igihe ashyizwe mu kazi, mbere yo gutangira imirimo ye, buri mucamanza agomba kurahira indahiro iteganywa n'itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

Nta na rimwe umucamanza ashobora kwemererwa gutangira akazi atarahiye.

Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru n'ab'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika hari n'abagize Inteko Ishinga Amategeko.

Abandi bacamanza bose barahirira imbere ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga hari n'abandi bagize Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Inyandiko ikubiyemo indahiro ishyirwaho umukono n'urahiye n'uwayakiriye.

Section 5: Code of conduct, oath of office for judges, declaration of assets and incompatibilities

Article 27: Code of conduct of judges

Code of conduct of judges shall be governed by the Law on judges' code of ethics.

Article 28: Oath of office

After appointment and before commencing his/her duties, every judge shall take the oath of office provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date.

No judge shall be allowed to assume his/her duties without taking oath.

The President, Vice President and judges of the Supreme Court, the Presidents and Vice Presidents of the High Court and Commercial High Court shall take the oath of office before the President of the Republic in the presence of the members of Parliament.

All other judges shall take oath before the President of the Supreme Court in the presence of other members of the High Council of the Judiciary.

The statement of oath shall be signed by the concerned judge and the commissioner of oath.

Section 5: Déontologie, serment des juges, déclaration du patrimoine et incompatibilités

Article 27: Déontologie des juges

Les dispositions relatives à la déontologie des juges sont prévues par la loi portant code d'éthique judiciaire.

Article 28: Serment

Après sa nomination et avant d'entrer en fonction, tout juge prête le serment prévu par la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour.

Aucun juge ne peut exercer ses fonctions sans avoir prêté serment.

Le Président, le Vice-président et les juges de la Cour Suprême, les Présidents et les Vice-présidents de la Haute Cour et de la Haute Cour de Commerce prêtent serment devant le Président de la République en présence des membres du Parlement.

Tous les autres juges prêtent serment devant le Président de la Cour Suprême en présence des autres membres du Conseil Supérieur de la Magistrature.

L'acte de serment est signé par le juge concerné et par l'autorité qui a reçu le serment.

Iyo umucamanza yemerewe kugaruka ku murimo w'ubucamanza yari yarawuvuyeho burundu, asabwa kurahira bundi bushya.

Ingingo ya 29: Igaragaza ry'umutungo

Mu gihe cy'ukwezi nyuma y'uko batangiye imirimo, abacamanza bose bashyikiriza Urwego rw'Umuvunyi inyandiko yabo ya mbere igaragaza imitungo nyakuri yabo.

Inyandiko igaragaza imitungo nyakuri y'abacamanza ishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi bitarenze tariki ya 30 Kamena ya buri mwaka no mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) bavuye ku mirimo.

Ingingo ya 30: Ibitabangikanywa

Ibitabangikanywa n'umurimo w'ubucamanza biteganywa n'itegeko ryihariye rigenga imyifatire y'abacamanza.

Icyiciro cya 6: Imyambaro y'abacamanza

Ingingo ya 31: Umwambaro w'abacamanza mu gihe cy'iburanisha

Mu gihe cy'iburanisha, abacamanza bambara umwambaro wabugenewe ugenwa n'icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga abyumvikanyeho n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Mu gihe cy'iburanisha abacamanza ba gisirikare

In case a judge is reappointed after cessation of office, he/she shall be required to take the oath of office afresh.

Article 29: Declaration of assets

Within one month of taking up office, all judges shall submit to the Ombudsman the initial faithful declaration of their assets.

A faithful declaration of the assets of the judges shall be submitted to the Ombudsman not later than 30th June of each year and in a period not exceeding fifteen (15) days when they leave office.

Article 30: Incompatibilities

Incompatibilities with the duties of a judge shall be provided for by a specific law on judges' code of ethics.

Section 6: Dress code for judges

Article 31: Dress code for judges during proceedings

During court proceedings, judges shall be subject to a dress code determined by an Order of the President of the Supreme Court after consultation with the High Council of the Judiciary.

During court proceedings, military judges shall

En cas de réintégration d'un juge qui avait cessé ses fonctions, il prête à nouveau serment.

Article 29: Déclaration du patrimoine

Dans un délai d'un mois de leur entrée en service, tous les juges font parvenir à l'Ombudsman la déclaration sur l'honneur de leur patrimoine.

Les déclarations sur l'honneur du patrimoine des juges sont remises à l'Ombudsman chaque année au plus tard le 30 juin et dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours lorsqu'ils cessent leurs fonctions.

Article 30: Incompatibilités

Les incompatibilités avec les fonctions de juge sont prévues par la loi particulière portant code d'éthique judiciaire.

Section 6: Tenue vestimentaire des juges

Article 31: Toge d'audience

Pendant les audiences, les juges portent une toge d'audience déterminée par ordonnance du Président de la Cour Suprême en concertation avec le Conseil Supérieur de la Magistrature.

Pendant les audiences, les juges militaires

bambara umwambaro wabugenewe ugenwa n'iteka rya Minisitiri ufite Ingabo z'u Rwanda mu nshingano ze.

Ingingo ya 32: Umwambaro w'icyubahiro

Mu minsi mikuru no mu mihango ya Leta bahagarariyemo urwego rw'ubucamanza, abacamanza bambara umwambaro w'icyubahiro ugenwa n'icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga abyumvikanyeho n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Icyiciro cya 7: Ubwigenge bw'abacamanza

Ingingo ya 33: Ubwigenge

Abacamanza bafite ubwigenge busesuye mu mirimo yabo.

Mu murimo wabo w'ubucamanza, abacamanza bakurikiza itegeko kandi bakawukora mu bwigenge batavugirwamo n'ubutegetsi cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ni we wishingira ubwigenge bw'Ubutegetsi bw'Ubucamanza.

Ingingo ya 34: Ifungwa ry'agateganyo ry'abacamanza

Abacamanza ntibashobora gufungwa

be subject to a dress code specified by an Order of the Minister in charge of Rwanda Defence Forces.

Article 32: Dress code during official ceremonies

The dress code for judges representing the Judiciary during official ceremonies and festivities shall be specified by an Order of the President of the Supreme Court after consultation with the High Council of the Judiciary.

Section 7: Independence of judges

Article 33: Independence

Judges are fully independent in exercising their duties.

In the exercise of their duties, judges shall be subject to the law and be independent without receiving injunction from authority or any administration.

The President of the Supreme Court shall guarantee the independence of the judicial power.

Article 34: Remanding in custody of the judges

Judges shall not be remanded in custody

portent une toge d'audience déterminée par arrêté du Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions.

Article 32: Toge d'apparat

Pendant les cérémonies officielles et les jours de festivités où ils représentent le Pouvoir Judiciaire, les juges portent la toge d'apparat déterminée par ordonnance du Président de la Cour Suprême en concertation avec le Conseil Supérieur de la Magistrature.

Section 7: Indépendance des juges

Article 33: Indépendance

Les juges sont pleinement indépendants dans l'exercice de leurs fonctions.

Dans l'exercice de leurs fonctions, les juges ne sont soumis qu'à l'autorité de la loi, ils sont indépendants et ne reçoivent aucune injonction de la part d'une autorité ou d'une quelconque administration.

Le Président de la Cour Suprême est garant de l'indépendance du Pouvoir Judiciaire.

Article 34: Détention provisoire des juges

Les juges ne peuvent faire l'objet de détention

by'agateganyo keretse gusa iyo bafatiwe mu cyuho bakora icyaha cy'ubugome.

pending investigation or trial unless they are caught in flagrante delicto while committing a felony.

provisoire sauf en cas de flagrant délit d'infraction qualifiée de crime.

Icyiciro cya 8: Umushahara n'ibindi bigenerwa abacamanza

Section 8: Salaries and other benefits for judges

Section 8: Salaires et autres avantages des juges

Ingingo ya 35: Igenwa ry'umushahara n'ibindi bijyana na wo

Article 35: Determining the salaries and other benefits

Article 35: Détermination de salaire et autres avantages

Umushahara n'ibindi bijyana na wo bihabwa abacamanza b'umwuga bigenwa n'iteka rya Perezida.

Career judges' salaries and other benefits shall be determined by a Presidential Order.

Les salaires et autres avantages des juges de carrière sont fixés par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 36: Kongera umushahara w'umucamanza

Article 36: Salary increments

Article 36: Augmentation de salaire

Imishahara fatizo ya buri ntera abacamanza bashyizweho burundu yongerwaho ishimwe ritangwa buri mwaka rishingiye ku manota babonye agaragaza uko bakora akazi. Uko amanota atangwa n'uko ishimwe ribarwa bigenwa n'iteka rya Perezida.

The initial salaries of judges who have been confirmed in their posts shall be subject to annual increments based on their performance evaluation. The manner of carrying out performance evaluation and computation of increments shall be determined by a Presidential Order.

Les salaires de base des juges nommés à titre définitif sont majorés annuellement suivant la note obtenue à l'évaluation de performance dans la carrière. La façon dont l'appréciation du mérite et des majorations annuelles de traitement sont attribuées, est déterminée par Arrêté Présidentiel.

Uretse gusa ku mpamvu z'igihano, umushahara w'umucamanza ntushobora kugabanywa.

Except only under disciplinary sanctions, the salary of a judge shall not be reduced.

Sauf s'il s'agit uniquement de sanction disciplinaire, le salaire d'un juge ne peut faire l'objet de réduction.

Ingingo ya 37: Ibigenerwa abayobozi b'Urukiko rw'Ikirenga bacyuye igihe

Article 37: Allowances allocated to the authorities of the Supreme Court at the expiry of their term of office

Article 37: Indemnités allouées aux autorités de la Cour Suprême à l'expiration de leur mandat

Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga cyangwa Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga avuye ku

Where they cease to discharge their duties as a result of the expiry of their term of office and

Lorsqu'ils cessent leur fonction à la suite de l'expiration de leur mandat, et qu'ils ne sont

kazi ke kubera ko manda ye irangiye, nta makosa yerekeye imirimo yari ashinzwe amuhama, akomeza guhabwa umushahara n'ibindi yari asanzwe ahabwa buri kwezi mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) ku byerekeye Perezida, no mu gihe cy'amezi atandatu (6) ku byerekeye Visi Perezida. Muri icyo gihe, iyo abonye undi murimo umuhesha umushahara muke k'uwo yahabwaga, Leta imwongerera ikinyuranyo, mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) kuri Perezida, no mu gihe cy'amezi atandatu (6) kuri Visi Perezida.

